NTANTURO Abdon.
Secteur:Ruhinga I.
Commune Nyarutovu
Préfecture-Ruhengeri.

Nyarutovu,le 9 juillet 1975.

Ukwiregura ku rubanza nº I74/3/70 contre moi en cause du Ministère Public.

A.P.1

14-8-75
8702/72.1

Monsieur le Président de la Cour Suprême à Nyabisindu.

Monsieur le Président,

Nkuko nabivuze muli Cour d'Appel i Kigali uru rubanza si urw'uko natwitse inzu koko,ahubwo rushingiye ku matiku yaliho icyo gihe,yo guhilika bamwe mu bali muli politique icyo gihe.

Naho inzu ni urwitwazo benshi barabizi n'ubwo batatinyuka kubyerura bagira ngo batahava bahitana nanjye.Narakomeje nti:Abacamanza bo mu Ruhengeri hamwe n'Umushinjacyaha,icyo gihe ntibashatse kumva ijambo ryanjye, ndetse n'ibyemezo byose byerekanaga ko ndengana kandi ngambanirwa sinshidikanya kuvuga ko Substitut yali ashinzwe na Ministre we kujya aziligisa kuko bimwe bitabonetse mu Urw'Iremezo mu Ruhengeri ntibinaboneke muli Cour d'Appel i Kigali.

Ibyo byemezo mvuga ni ibi:

I.Urupapuro Bazirake yandikiye Bourgmestre abibwiwe na Sebatware ko inama yo kundenganya bayuzuza.
2.Enquête yakozwe na Bourgmestre inzu ya Bazirake ikimara gushya.
3.Ikayi nafatiragamo amadeni ku mucuruzi Mbabazande Bernard.
4.Urwandiko rwafatanywe umunyururu Manoli;rwanditswe n'umunyururu Nemeye rwishyuzaga Bazirake ibyo naguzwe.
5.Urwandiko rw'uruhimbano rwagombye guhamagara bamwe mu balimu b'i Nemba nanone mu kwezi kwa 4.Abo balimu nibo aba:Rukelibuga,Ruhato na Nsabimana.

Ibyo byose byashyizwe mu maboko ya Substitut KALIMBA.None Nyakubahwa Procureur ngusabye kuzikulikirana ukazishyikiliza Cour de Cassation.

GUTWIKA INZU RERO.

Uretse ko byagirana isano n'ibya kera nkuko abakurambere bavuga bati: Iyo umwami yatangaga,mu bantu hahitwagamo Imisego - Imigogo ngo nta mwami upfa atisasiye.None ngo inzu y'ukomeye kandi afite abakomeye ntiyakononekara itagize les victimes ?

Bakuru mushinzwe n'Igihugu kurenganura abacyo umugabo Bazirake ajya kundega ngo natwitse inzu ye mu kuli kose ashingiye kuki ?

I.Iyo nzu nayifatiweho ?
2.Nayivumbuweho,ndiruka batera induru bati:araducitse aliko ni NTANTURO ?
3.Ese hali uwayifatiweho none akitwaza mu kwiregura kwe ko twali hamwe ? cyanga se ko inama yaba yayikuye kuli njye ?
4.Hali icyemezo yerekana cy'ukugambanira iyo nzu mubona cyaba mu nyandiko cyanga mu kanama.
5.Hali igikoresho cyaba umwambaro,intwaro cyagaragaye kuli iyo nzu none hakagira ukeka ko cyaba icyanjye ?
6.Aho ntuye n'aho Bazirake atuye hali Km 8.Aho nakoraga nkanahacumbika hali Km 20 kugera kwa Bazirake.Hali ukuntu ashobora kwitwaza ko ntamutabaye ?
7.Uko mubizi inzu y'amatofali uko iteye igishobora gushya ni ibiti.Kandi ninabyo byahiye.Yewe iyo nzu ye ntigira n'urubaraza,umuliro washobora guturuka inyuma ute ?Hali ukuntu musanga kandi mukemeza ko umutwitsi yatwika inzu y'amatofali ayiturutse inyuma.Icyahiye ngo ko ali plafond yali igizwe n'inkenke zigahereza imbigo hanyuma amategura yabura ikiyafata agahanuka agwa mu cyumba umugore wa Bazirake yacanagamo. Ese hali ubwo avuga ko nali naraye iwe maze akansasira mu cyumba cyahiye bigatuma nagira uruhare kw'ishya ry'iyo nzu ?

/........./

8. Hali ukuntu Bazirake ashobora guhakana ko umuliro w'iwe udashobora gutwika ?

9. Iyo pétrôle bavuga. Ubusanzwe pétrôle ni igikoresho cyo gutwika amazu ? Ese niba itwika kandi ikaba aliyo yayokeje, mu nzu ya Bazirake nta pétrôle yabagamo kandi igakoreshwamo ?

IO. Unshinja gutwika inzu ya Bazirake kuki yirengagiza ko muli Nyakanga I969 inzu y'umuhungu we SIBONIYO Thomas yahiye ku mugaragaro. Yokejwe na nde ?

Agakomeza agahisha ko kuli Pasika I972 Bazirake ali mu missa i Nemba baje kumutabaza ngo inzu yahiye. Kubera ko hali ku manywa abaturage nyamwinshi bagatabara bagasanga ubulili bwahiye bugiye guhereza plafond. Yali yokejwe na nde ?
Ahubwo ntibyatumye Ministre Sebatware azagukoresha mitingi mu Gakenke le I8/8/I972 azimanganya abaturage akanabumvisha ko muli Nyarutovu hali umugome utwika amazu y'amatofali ko azakomezwa gukulikiranywa.
Uko kunkulikirana ntiyabyerekanye aza gutegeka Inspecteur w'akarere kunkura vuba vuba ikitararanyije ku mwanya nali mfite wo kuba Maître Principal akankuraho hagati mu mwaka nta kosa ?
Ministère y'Uburezi irabizi.

II. Haliya Bazirake agira ati: Bukeye bwaho inzu yahiye yaketse ko yatwikiwe na NTANTURO ni iyihe mpamvu y'ukuli ituma ankeka ? Musuzume impamvu O.P.J. Muserukayaje gukora enquête nyuma y'italiki ya 20/3/69 inzu yarahiye le 5/3/I969 aliko le 20/3/69 turangije inama ya Socrétariat Régional yabonanye na Ministre we SEBATWARE ali nawe wamutumye.

Hali BAZIRAKE agira ngo NTANTURO et son ami Komayombi. Hali undi wigeze avuga cyanga amenya ubucuti bwanjye na Komayombi mwene nyina ? Maze ubwo bucuti ntibumenywe n'abo duturanye kandi dusangira cyanga ngo bumenywe n'abaturanye na Komayombi ahubwo bukamenywa na baliya Banyoni tudaturanye, ntibaturane na Bazirake kandi ntibaturane na Komayombi. Banzizaga ko nali conseiller communal na Responsable maze nabiyama mu nama ku rugomo rwabo rwo gupakurura imodoka bakanzira cyane. Ibyo bigatuma bemera kwakira ibiguzi ngo bancishe igihanga.

I2. Kuvuga rero ngo bukeye bw'aho inzu yahiye yaketse njyewe na Komayombi ni ikinyoma rwose. Iyo ahita akeka uyu cyanga uliya aba yarabivuze muli enquête yakozwe na Bourgmestre. Ubwo bugambanyi babukoze kuva le I4/3/69 amaze kubonana na Sebatware, ndetse kuli iyo taliki tuvuye muli réunion y'abalimu i Cyeru nza mu modoka ya Inspecteur d'arrondissement, tugeze mu Mbatabata Inspecteur akomeza iya Ruhengeri; naho njye n'umusaza Mwalimu Nyilimanzi Michel duhura na Léonard Bahatsi ati: Ministre Sebatware anyuze hano ashaka Masandasa. Turakomeza tugeze mu Ruhinga duhura na Ruvugamahali ati: Ministre Sebatware yahoze hano ashaka abo gushinja ko bazi abatwitse inzu ya Sebukwe. Njye n'uwo musaza tuti: Ese hali abayitwitse ? ati: ni uguhimba. Muzabaze Nylimanzi ko ataliko byagenze.

I3. Iyo bidon de pétrôle: muli ubwo buhimbyi bwabo bashatse ikintu cyashobora kwotsa amatofali bemeza O.P.J. essence le 24/3/69 ambaza essence muhakanira ko navuka ntarayigura ko ahubwo ngura pétrôle ku mucuruzi Mbabazande nkayiha umunyeshuli Nyilinkwaya akayigeza i muhira. Arakomeza ambaza igituma ngura nyinshi musobanulira ko mbiterwa n'uko mfite itara rya coleman. Arakomeza ambaza ko uretse iyo naguze le 5/3/69 hali ubundi nsanzwe ngura pétrôle nk'iyo nti: yee. Ati: nabyemezwa n'iki? Nti: ikayi nafatiragamo amadeni ku mucuruzi Mbabazande. Amutumaho arayimushyira. Mundebere ko muli enquête ilimo.

I4. Kuvuga ngo nabwiye Nsengiyumva mwene Bazirake hali Bizimana na mukuru we Nturanyenebo ko nzatwikira se ndetse ngo n'izabe bose.
Kuvuga ra mu ruhame ko umuntu azatwika inzu ibyo ntibihagije ngo abihanirwe ? Iyo mbivuga rero inzu iba yarahiye tuliho tuburana iyo mvugo cyanga narayihaniwe. Byongeye kandi sinzi ko nageza aho kuvuga amateshwa ndihagati y'abanzi banjye. Muzabaze ko Nturanyenabo ntigeze muha mutation indisciplinaire nkili Directeur des Ecoles.

I5. IKIBAZO: Kuki mw'irondora ry'abagabo hatavugwamo Nyilinkindi, Rukera, Kamarashavu na Binyavanga kandi nabo ali Bazirake wabatanze ? Bwana Procureur ngusabye kureba icyo bavuga. Ndetse muli Ière Instance mu Ruhengeri na Bourgmestre yali ahali aliko yatanzwe na Bazirake.
Muzamubaze aracyahali ntarapfa

Suite à la déclaration de pourvoi en cassation du Procureur de la République.R.P.A 859/KIG. du 28/7/70

Bwana Procureur,

I.Ntibaca umugani mu kinyarwanda ngo abajyanama bishe imbwa y'Umwami barayiheza ?Wowe ntiwatangazwa no kugira ngo iryo shyano ndishinjwe n'agatsiko k'abatuye ku murenge umwe kandi b'ibyenenyina ? Se nta bandi baturage nturanye nabo ? Hagati y'iwanjye no kwa Bazirake hali Km 8 hakaba ingo zigera kuli magana alindwi:aliko baliya banshinja n'ab'inyuma mu yindi secteur,mbese baza nk'igitero baje gushinja.

Ntiwatangazwa na buliya butumwa ngo natumye Nsengiyumwa hali Bizimana na mwene nyina Nturanyenabo,ndetse abo bo n'iyo batuye simpazi uretse ko dutuliye commune imwe aliko batuye kure yanjye.Twahuliye he ? Ku kazi ? K'umusangiro ? Ubundi se musanzwe muyobewe ko amabanga y'ubugambanyi nkaye biragiza inshuti n'abavandimwe ?Niba ushaka kumenya amavuko y'uko kunshinja ngusabye gusuzuma ingingo ku ngingo ya buli mugabo maze unsuzumire impamvu inzu yahiye le 5/3/69;ibyo bigatangira kuvugwa le I4/3/69.Maze undebere n'icyo bamwe mu bagabo batanzwe na Bazirake babivugaho ali bo aba Nyilinkindi,Kamarashavu,Rukera na Binyavanga.WWungeho na enquête Bourgmestre yakoze mu ruhame rwabensbi inzu ikimara gushya cyanga buzakuzindure uze uperereze ko uwo wali Bourgmestre icyo gihe amerewe bitewe n'uko yanze kwinjira muli ubwo bugambanyi;nawe kandi muzamwibalize.Se nyine Bwana Procureur ko Ière Instance mu Ruhengeri yali ahali aho imvugo ye murayifite?

2.Bwana Procureur kugeza ubu ntawali waboneka ufite ubushobozi bwo kuba mu myanya ibili en même temps.Kuva ku Mucaca muli Cyeru kugera iwanjye muli Nyarutovu hali trois heures de marche uwakomeza ashaka kugera kwa Bazirake yakongeraho indi saa agakora quatre heures.Kuko nali Maître Principal iteka navaga ku ishuli I6H45 nkagera iwanjye I9H45 iyo byabaga ali ngombwa gutaha.Ntanalimwe nagerage iwanjye habona uretse samedi.

Ubwo se baliya bahanga jambo,bambonye gihe ki ?Se nyine bamaze kumenya ko ng ngiye gutwika inzu bakoze iki ?Bukeye ?Busibye ?Kuki bagombye gutegereza nyuma ya le I4/3/69 bali bashatse kumpishira ?Icyakora mu binyuma byabo hali icyo bibagiwe nali mfite abanyeshuli muli sixième barenze 30 hali abalimu barenze IO kandi bose bataha bansize ku Mucaca kandi baje mu gitondo barahansanga nkuko bisanzwe,kandi kuva ku Mucaca kugera kwa Bazirake umuntu yakoresha amasaha ane na none kugaruka ni amasaha ane wongereho n'andi masaha yo gutwika inzu uwagira ibyo ntiryamukeraho cyanga yaba ali umukozi,hali ubwo bagenzi be bamusanga ameze neza ku kazi nkuko bisanzwe? Icyo nashaka kuvuga ko bibagiwe,iyo byibura bahimba ko nali mfite cyanga nakodesheje imodoka.Ahangaha mbonereho nkumenyeshe ko mu gitondo cy'inzu yahiye,bagenzi banjye bansanze ku ishuli,maze abitwa Ndekezi na Rugirangoga bakatubwira bati:Hali abagabo baturutse mu Gakenke bavuga ko inzu ya Gido yahiye.

3.Kuli iyo ngingo ndebera umwe mu banshinja avuga ati:Bukeye bw'inzu yahiye, saa ine nabonye Ntanturo iwe.Ubwose ntiyashakaga guhamya ko ntigishije ? Sinayo mpmvu yahagurukije Substitut na O.P.J. bakaza ku ishuli bakagera mu nzu nacumbikagamo, bakanabaza bagenzi banjye n'umuzamu twabaga hamwe Bavugabwose ?Hali ubwo se uwo muzamu avuga ko muli iryo joro hali aho nagiye ? Hali ubwo abanyeshuli bavuga ko amanywa yose bigeze bambura ? Hali uvuga ukeka ko naba naratanze amasomo nijoro,ni ibidashoboka nawe ura bizi kandi gukeka iteka ni uguhuza na bushike.Kwemeza no gukeka n'ubwo kimwe cyabyara ikindi aliko biratandukanye.

4.Ibyerekeye ubucuti bwanjye ne Komayombi.Mushuti wa mushuti wawe nawe aba ali mushuti wawe nagira inshuti ntimenywe n'izindi nshuti zanjye habe n'imwe,ahubwo ikamenywa n'abanzi banjye gusa ? Maze kandi nkamenya ko Komayombi ali mwene nyine wa Bazirake maze ngafatanya nawe gutwika inzu yabo ?Icyo baba bapfa mbuliye he nacyo,nkizi nte ? Namwizera bigeze aho ? Muli conclusion yawe utashoboye gusobanura nabusa uvugamo ko hali ibimenyetso by'ubugome byali bisanzwe,ukishingikiliza kuli za rapports zali zisanzwe mbere.Izo rapports zivuga ngo iki ?Zakozwe na nde ? Ngusabye kuzigaragaza muli Cour de Cassation ntibibe mu magambo gusa

I.Ngiyo photo copie ya kandiko Bazirake yandikiye Bourgmestre ubwo nibwo yali amaze kosha uwitwa Rukera,Binyavanga na Nyilingango ngo bahamye ibi:

Murambi le 28/7/69

Monsieur le Bourgmestre

Ndihano nifuza akandiko kawe ka enquête y'uwemeza ko wa mugabo Abdon yaraye iwe le 5-3-69 ngo nzakageze kuli Substitut.Ibyo nabibwiwe na Ministre André Merci

Votre Guido

2.Ngiyo photo copie y'urwandiko Nyilingango umwe mu bashinja banjye yandikiye Bourgmestre amubulira ibyo Guido yamubwiye.

3.Ngiyo photo copie uwali Bourgmestre yandikiye Présidence atakamba akarengane ke azizwa ko yakoresheje ukuli.Muli iyo,hakubiyemo enquête yakozwe inzu ya Bazirake ikimara gushya.

Nyakubahwa Bwana Procureur ndakumeshako icyatumye enquête imara umwaka wose Sebatware yahoraga mu rucuragiro mu Ruhengeri,muli Nyarutovu ashakiliza uwo twaba tugira icyo dupfa maze amugira inama yo kwihorera anshinja ibyo binyoma.

Ese wali uzi impamvu yoheje Binyavanga na Rukera ni uko banyoneshereje amasaka nkabahanisha ku rukiko.

Ese wali uzi impamvu yoheje Nturanyenabo na murumuna we Bizimana ni uko nkili Directeur des Ecoles uwo Nturanyenabo yakoze amakosa muha mutation indisciplinaire.

Ese wali uzi impamvu yoheje Bararwerekana,Ruvuga,Ndemeye bibyene nyina na Nemeye na Nyilingango ni abanyoni,ni ibisahiranda yabashukishije amafranga,imbere ibihumbi bitanu Bazirake yabibahereye mu Ruhinga le 2I/3/69 hali umwana MBABALIYE mwene Bahenga.Uwo mwana aracyaliho muzamubaze cyanga muzaperereze mubaze ko umunyoni Nemeye ntamucyishije amafranga ku rukiko ribye icyuma cy'igare,nkanamubuza gutema ibiti bya Leta abyohereza bujura ku Gisenyi.

Muzabaze ko umunyoni Bararwerekana atafashwe apakurura byeri mu modoka yavaga ku Gisenyi yabona ko bigiye kumukoraho agahungira i Kigali guhababa kuli Ministre w'Ubucamanza n'Ubutegetsi maze akihanagiliza abacamanza ko barekera iyo.

Reba kaliya kandiko ka Nyilingango cyanga muzabaze uwali Bourgmestre Ntahombasize azabasobanulira neza kuko yali ahibereye.

Ngibyo,maze Sebatware akajya kureba muli enquête yasanga ntakimfata akayidohoramo akayiligisa hamwe na Substitut maze bagatangira ibindi.

Ngahondebera ko ibi ubifite:

I.Enquête Bourgmestre yakoze inzu ikimara gushya

2.Akandiko Nemeye yandikiye Bazirake amwihanangiliza ko ibyo yabasezeranyije atagomba kuzabitanga atarafungurwa.Rwafatanywe umunyururu Manoli Claver ruhabwa uwali Directeur wa prison Twagirayezu Aloys maze aruha Substitut Kalimba.Muperereze mubaze kandi barahali.Ikimasa nticyatanzwe ?Amayoga ntiyanyowe ? Amafranga ?

3.Urwandiko mpimbano rwagombye guhamagara abalimu b'i Nemba.Ruhato,Rukelibuga na Nsabimana ko nabo bakorewe enquête murayifite aho i Nyabisindu ?

4.Ikayi nafatiragamo amadeni ku mucuruzi Mbabazande murayifite ? Abagabo Nyilinkindi,Kamarashavu,Rukera,Binyavanga,Ntahombasize wali Bourgmestre ko nabo bakoreweho enquête murayifite ?

5.Bohereje uwali Juge wa Canton ngo aze kunyambika ubusa ~~XXXXXXXXXXXX~~ NANSANGANA IGISARE,inkovu yenda ya kera ayibahe maze bendereho bavuge ko nayikuye mu itwika ry'inzu.Iyo enquête murayifite ?

Ibyo nongeraho ni ibi:

I. Ndasaba Procureur uhagaraliye Ministère Public gukulikirana izo mpapuro zose za enquête n'ibyemezo byose nkuko nabirondoye kandi byose byashizwe mu maboko ya Substitut Kalimba. Maze niba urubanza ruzacibwa cg. rugaseswa aliko Cour de Cassation imaze kubona ibyo byose.

2. Ndangije nsaba Abacamanza bashinzwe kungenera dommages- intérêts kubera urubwa natewe ndi umuziranenge nkazizwa umwanda wo kwa Bazirake: umunyururu,kunsenyera,gusahura, nkatirwa ku gahato, umugore n'abana barabamenesha barahunga, urugo bararusenya,basahura nijoro amahene, imyaka, amategura, inkwi mbese iwanjye bahahindura imara. Muzaze murebe.
Ndasaba n'imishahara yanjye y'amezi atanu alibyo 6.400 F x 5 =32.000Frs. Ibyo byose mbishize mu maboko y'Urukiko.

3. Ndamenyesha kandi Bwana Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'Abajyanama be ko uru rubanza rwajuliriwe rukererwe. Impamvu ni uko bali bagicura amagambo ashingiye ku bucuti kugirango bampeze mu Buroko. Mbasabye gusuzuma iyi ngingo ku buryo burambuye.

NTANTURO Abdon

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Bwana Président de la République et du Comité pour la Paix et l'Unité Nationale KIGALI
- Bwana Ministre de la Justice KIGALI
- Bwana Ministre de l'Intérieur KIGALI
- Bwana Procureur de la République KIGALI
- Bwana Président de la Cour d'Appel KIGALI
- Bwana Premier Substitut du Procureur de la République KIGALI

1 /

Rukoji le 4-1-71

Kuli Nyakubahwa

Bwana Bourgmestre

Nicola Ntahombarize

Ndabaramutsa mbifuriza amaho na mahirwe ya Nyagasani murahoneza se? ngaho natwe turaho aliko ni buhorobuhoro Ikintegetse kukwandikira ni urukundo n'urukumbuzi rwinshi

Mubyeyi mwiza nkubitije ibaruwa yawe yo ku 16-8-68, wanyandikiye umbaza yuko [illegible] rw nkuwaribonye mubigogihe Ibyo nabina kwandi ikiye wanabibonye rone ikindingiye kukubur ra ni kingi kiri kuva 5 kuli Bounane nagiye Mugakenk[illegible] mpwra na Gido ambwira yuko Emanuel pmwavanye mu Rukengel kuwambere le 28-12-70 wowe na Munyengabe n Munyampenda ngo mugeze muruhinga Emanuel yiba byeli nga Munyam...

Icyakora umbabalire urupapuro rubiezwe ntarararangiza amagambo ngo niwishira mubyo Abudori ngowzabigendamo ngo washaka kumukorera Portie bitewe nurwangano rwawo mugabo Kuko nabimenye kera yuko mugihe twali mu Rukengeri igihe twali tugiye kwa Rukaraga gushaka yo inzogo niho nanuel yabwiye Gido ngo wowe Nicola nguliko bihunga igihe Yanane yakubaza gawashakaga kurengera Abudori none mubyeyi Igipfa kiburiwe ni mpongo, uramwitondere ejo atagukorera ... yabo ... kubwaye ... ngompare ntabuli bwiye maintabu lize abiwa ne na bana bose uzimu komere aliko wakomeze uruorwandiko rutazatakara hakagira urubona na Verena aragutashya

Mbanzezayeho Ise Mano ibarirde

[illegible] le 28/7/1969

Monsieur le Bourgmestre,

Ndi hano nifuza akandiko [illegible] ka Enquête y'uwemeza ko [illegible]gabo Abdon yaraye iwe le 5-3-69, nyo ejo nzakage-ze kuli Substitut.

Ibyo nabibwiwe na [illegible] André, merci.

Votre [illegible].

NTAHOMBASIZE Nicolas
Commune Nyarutovu;
Préfecture Ruhengeri.

Impamvu: MUNTABARE NDARENGANA.

Nyarutovu, le 5 mutarama 1973.

Kuli Nyakubahwa Bwana Président wa Répubulika
n'uwa M.D.R. (Parmehutu) pour Parmehutu -

à KIGALI.

Nyakubahwa Bwana Président,

Nehimishijwe no kubona akanya ko kubatekambira ngira ngo mbamenyeshe akarengane kanjye:

Nahoze ndi umwalimu kuva muli1952 kugeza muli 1959 njya gushira, kuko ali icyo gihe ninjiye mu kazi k'ubutegetsi kugeza muli 1971.

Natangiye kuba umurwanashyaka w'ishyaka ryacu ligitangira, mba Propagandiste mu ntara ya Kibali n'igice cy'ubugarura. Bigeze muli 1959 mba sous chef w'agateganyo kandi itora rya ba Bourgmestre ba mbere, ryangize Bourgmestre muli Commune KABUYE n'uwa 1963, muli icyo gihe abaturage b'akokarere bikomeye Muyaga bicana bapfa ngo amarezi, ibye bituma abategetsi bamwe bali hejuru yanjye muli iyo Préfecture (kuko basihamizaga umwanya muli iyo Commune) bitwaza ibye baramfungisha, umunyururu nywumara mo imyaka 2. Uhutabare bumaze kubona ko ndengana, muli 1964 ushira, baramfungura, ali uko balibamaze kubona ko ndengana.

Umwaka wakulikiyeho, itora ry'abarwanashyaka ryangize Propagandiste wa Commune, iry'aba-Députes lije munyemerera kuryiyamamazamo ngarukira hafi yo kwinjira mu Nteko..• Hakulikiyeho itora rya Bourgmestri, mbona amajwi ahagije Mumaze kubibona mutyo no kubigenzura muharako numpa kuba Bourgmestri. Muzi ko hakulikiye itora ry'abarwanashyaka 7 bo kuzuza Secrétaria Régionale, irye lisiga mbaye membre muli yo no muli Conseil des Représentant kuko natowe muli abo balindwi. hashize iminsi, nibwo muli Secrétaria yacu habonekaga mo ibidatunganye byatumye tuvugurura Bureau Régional nfatanya n'ababigorora, icyo gihe ninjizwa muli iyo Bureau, mba Trésorier régional kandi ndi na Bourgmestre. Itora ry'aba-Députés ligarutse munyemerera kuryiyamamaza mo amajwi y'abaturage agira uwa 8 mu ba-Candidats 12, ubwo siminjira mu Nteko aliko nkomeza umulimo w'ubu-Bourgmestre mbifatanyije no kuba Trésorier régional kugeza ko Mandat yanjye irangiye kuli byombi

Akarengane:

I° Bankoresheje ibinyuranye n'ukuli kugaragara, kugira ngo mbinamizwe kugira ngo babone ifatizo ryo kundenganya.

II° Nakuwe kuli Liste y'itora ry'abajyanama ba Commune nta mpamvu.

II° Nangiwe kujya muli Liste muby'itora ry'abarwanashyaka, kuby'urwango gusa.

I° Turebe uko bankoresheje ibinyuranye n'ukuli. Dore uko byagenze: Muli 1969, umugabo BAZIRAKE Guy akaba na sebukwe wa SEBATWARE André (Ministre) aje kugira amakuba yo guhisha inzu by'amambu, hashize iminsi inzu y'umuhungu we witwa SIBONIYO Thomas nayo irashya (mu museso). Hashize ikindi gihe, noneho uwo BAZIRAKE Guy, ubuliri bwe bushya ku manywa y'ihangu!!!

a) Uko inzu ya BAZIRAKE- G. yahiye bigatuma yangilika ibyumba n'ibyali bikilimo: Mu ijoro ry'uwa gatatu w'icyumweru, ku italiki ya 5 mare 1969, icyo

giha Agatha muka BAZIRAKE G. yali ngo arwaye inzoka byakomeje gutuma arara acanye umuliro wo kujya yota avuye hanze kuko yalibwaga kandi agahitwa! Iyo nyumba yali acanyemo, niyo banatekagamo limwe na limwe, niho banulizaga n'inkwi hakabikwa ibintu nk'ibirago, ibyibo, ibisekshagateraskwamoibibitswamo imyaka, ndetse mbere niho hali Magasin. Nuko amaze agenda agaruka ku muliro, aho bigeze ananiwe, ajya kubika inda ku buliri asiga atavumbitse umuliro wo, ukomeza kwaka kugeza ubwo inkwi zibashutse zijugunya umuliro mu bibabi byali iruhande rw'ifuru, bifata inkwi zali zanuliyemo, bisingira ibirago byali byanuliyemo n'ibyibo umuliro ufata i plaphon y'inkenke bikareza imbingo, amabuliti arafatwa umuliro utunguka hejuru mumategura. Imyotsi ibasanga aho bali baryamye. BAZIRAKE arakanguka ahiguka ajya kureba aho iyo myotsi ituruka asanga inyumba cyahiye, yiruka ajya kuzana umugore ngo batabaze abo kubavuna. Naho umugore akamwumviza kwita muli uwo muliro ngo yayahuze kuko ngo yali yitwikiye inzu!!!

BAZIRAKE G. akomeza kumufata kandi niko atabaza kugeza ubwo abaturanyi ba baje kubavuna bagakiza ibyo bashoboye. Amurema agatima kugeza mu gitondo, umugore inzu ayitwika atyo.

b) Uko inzu y'umuhungu wa SIBONIYO Th. yahiye: Umugore wa Siboniye yabyurutse mu gitondo cya kare ajya hanze uko bisanzwe, nuko ahahulira n'intozi zabagiye muli uwo musozo yigira inama yo kuzitwika azana umuliro n'ibyatsi azitwika akuliliye uko zabonyurutse inzu, nuko umuliro wo hasiufata ibyatsi byo hejuru nuko inzu ihonga ifatwa. Umugore yiruka atabaza umugabo we, basahura ibyo bashoboye, abakagiye basanze inzu yacitse kera bamwamizwa, inzu ishya kuli ubwo buryo.

c) Uko ubuliri bwa BAZIRAKE G. bwahiye: Kuli Pasika 1971 bali ku nyumba ye, umwana we (Gido) n'umugore we bagombaga kujya mu misa i Nemba. Nuko bakinga inzugi zose n'amadilishya, ku rugo bahasiga akana kajyaga kubafasha imilimo, aliko ntibamenye ko batagize igishiliza mu buliri. Wa muliro watawe ku gitanda, wakomeje kwihembera buhoro buhoro ufata ipamba y'igodora bireka imyotsi ikwira inzu itunguka hejuru mu mategura bibonwa nkako. Ka kana kavuza induru gatabaza abaturanyi. Ubwo BAZIRAKE we yali ari Misa i Nemba, ayisiga itarangiye asanga abaturage bamennye inzugi basanga ubuliri bwahiye batarura igishirahilizwa bajugunya hanze, inzu irakira... Mu kuli ibyo byose byabaye amazu agashya, byatewe n'abagore babo bashyize imilire aho idakwiliye.

IGITANGAZA KULI IBYO BINTU RERO:

SEBATWARE André (Ministre) ubwo yahereyeko yihutira kuza kubasura nk'u ko ikimyabupfura n'ubuvandimwe bibidutegeka..., kwa sebukwe bamubwira mu kuli uko inzu yahiye inyumba n'impamvu yabiteye (reba haruguru), amwereka ukuntu byayiteye kwangilika n'ibintu byali mo na none by'ingira-kamaro nawe amusobanulira uburyo akwiye gufashwa atangiza amubwira ati ibintu ni ibishakwa, Imana ibishatse uzabona ibindi. Aliko yungamo ati: "Aliko se iki ayaga kingana gitya (uwo ni SEBATWARE ga ye) gisiga kitadusogeraje bamwe ukaka ko baba abenzi bawe cyangwa se bazakurusha amajwi muli iyi Commune? kuko aliho tuzahera kugira ngo tukugire Député, tugushajishe neza, dore n'umulimo usigaye ukuvuna, n'ibi byago bise bitya urabiterwa ahanini no gusaza. Nonaho mbwira aho ubona ko badashobora kutuvuga neza, wongereho n'abo bakurusha amajwi muli iyi Commune yanyu". Undi aratangira ati: "Umwanzi wa mbere afite, ni mwana wanjye (dukuje wanjye aliko ba data ni babili) kuko twaburanye isambu, anatungo n'ibintu byinshi nkabimutsindira akabinyagwa byose, bigatuma akena kugeza ubwo abura n'impamba, urumva ko adashobora na gato kumbera neza. Uwa kabili ni Réspensable (NTANTURO A.) wa M.D.R. Parmehutu muli iyi Commune kuko anduha amajwi cyane, yayanduhije muli ili tora ry'abarwanashyaka liheruka ku murenge w'iwacu byatumye mva muli Comité local kandi aliho nali kuzamukiza." Akomeza avuga ati: "Uwagagaza abalimu, cyane cyane abafite diplome kuko kera bigeze kundaga, ugashyiraho na barya bacuruzi bakomeye bo mu Gakenke wongeyeho na bamwe bo mu barwanashyaka". Ministre (SEBATWARE) amusubiza ati: "Oya, wisabire igihugu cyose, tuzajya dufata buhoro buhoro, ahubwo vuga abantu bashobora kubyamamaza, badatinya mbese bameze nk'aba-bandi ba". Nuko avuga: NEMEYE, MANOLI, NYILINGANGO, RUFALI, MUSUHUKE na BARARWEREKANA ngo bazahamya NTANTURO Abdoni bakimbe ngo uwo Réponsable bamubonye mu Ruhinga ngo ali kumwe na mwene nyina wa BAZIRAKE ngo bikoreye idebe rya petroli lili mu gafuko ngo bamanuka bajya kureba ngo kwa NTANTURO maze inzu ya Bazirake igashya muli irya joro!!! Ko uwo mwene nyina wa Bazirake bamu-

vumbuye ninjoro agakomereka urugumo hamwe n'ubushye yahiliye ku nzu ngo akabyivuliza i Murambi no ku Mucaca!!!. Baherako bajya kubibwira SUBSTITUT, aherako akora enquête y'amategeko (reba icyemezo cyabyo cy'ibaruwa nandikiwe na BAZIRAKE G.) kugeza ubwo abo bahungu bombi bakatiwe umunyururu w'imyaka 15 n'amafranga 50.000 umwe-umwe. Nyuma bajuliriza urukiko rwa COUR D'APPEL/Kigali, batsinda byose amafranga bayakurwaho.-

Ibyanyobeye: BAZIRAKE G. yantegetse ngo nkore enquête (inyandiko) yemeza ko uli NTANTURO yaraye iwe mu ijoro ry'uwa 5/3/69 ngo nasinyisheho abantu benshi ngo kandi mfate uwo NTANTURO mukubitishe cyane mbese ngo bucye asa n'uwatwitse koko akarangiza ambwira (par écrit) ko ngo yabibwiwe na SEBATWARE A. (Ministre) w'umukwe we ngo abimuha ho ômama ngo mbigire byanze bikunze bigere kwa SUBSTITUT vuba cyane!!!, musubiza mwibutsa ko enquête nakoze nayohereje kandi ko ibyo byo guhimba ntabishobora, nti: "Keretse mibura mfite akantu na gato nafatiraho, nano ubundi byankoma hasi byongeye ni no kurengenya bikabije ububi". Ikindi, ngo simagulishije vuba na vuba ibintu by'uwo NTANTURO ngo igihe amaze gucirwa urubanza mu Ruhengeri ko ngo atsinzwe. Kandi muby'ukuli, alibo batindanye impapuro z'irangiza-rubanza, nyuma aho ziziye zihulirana n'iziturutse murwa COUR D'APPEL zemeza ko uwo mugabo NTANTURO yatsinze rwose. Ko urubanza rwabo rwakilijwe mu Ruhengeri rukuweho kuli byose.

II° Nakuwe kuli Liste yazatorwamo abajyanama ba Commune nta mpamvu. Mulibuka ko Comité local yagombaga gutondeka abasabye ikulikije amajwi ibahaye, muli Comité local nabonye amajwi 26/26? Byongeye Secrétaria régional yagombaga kwemeza no gusimbuza umuntu uwo ibonaamurusha amatwara? Je rero iyo Secrétaria yanyemeranye n'abandi kuko nayibonyemo amajwi ahagije, kuko icyo gihe hakozwe itora kandi na Préfet yali ahali. Nyuma le 9 mayi 1971 tugiye muli Congré régional gutangaza ama-listes, igihe ninjiye ak'abandi muli Secrétaria kuko nali membre muli yo, bati: "Sohoka, ntiwinjire tuli mu byawe", mu kanya barampamagara, Secrétaire régional antangaliza ko ngo akulikije uko yabyibukijwe na Bwana Préfet "tukuvanye kuli liste". Nti ese ibyo bintu yibukije ni ibiki? Ngo tugiye mu milimo naho wowe enda iyi rapport usome. Barasohoka muli Secrétaria bajya muli Congré régional, ndurirwa.

III° Nakuwe kuli liste y'abatorwamo Abarwanashyaka: Nali nzi ko ababishaka bamenikiraga Secrétaria régional, bagaha i-copie muli Comité local, ibyo narabyujuje byose, aliko nta n'igisubizo nabonye nibaza ngo bavuge icyo naba narakoshej gutuma banyangiye. Nubwo nkumva bavuga ngo" Niyongera kwandika asaba kwiyamamaza tuzamutunga maze tubone uko dushira agahinda.

IV° Natswe amazu nali naraguze muli cyamunara nashakaga kuyakoreramo, agirwa amashuli, aliko data yo bayampayeho udufranga bw'agahato aliko. Ngo niba nanze nde ba nanze urubyiruke!!!.

V° Banyatse umulima w'ibiti nali naraguze na NIYIBIZI Thomas, bavuga ngo naheguze hali kuzaba aha Commune!!! Amafranga 3.000 nali narahatangiye ntibayangarulira byose sinabonamo na kimwe.

VI° Vuba aha mu kwezi kwa 12/1972 muli Caisse d'Epargne bangulije amafrs nongera kuyo nali mfite mo n'inshuti zindi ziranguliza kuko nguza aya-TAYOTA ngo njye nhahisha. Nene bavuze ngo ko nayo barayinyaka, n'iyo baraka urubanza kwishyura Caisse d'Eparçne... Ngo "sinkwije imodoka!!".

VII° Ndekeye aho nzabamenyesha uko byifashe umutima wanye neza, naho ubundi, usobetse amaganya ntusobanura amajambo. Bageze n'aho bigaragara ko nagambaniwe muli Canton ngo ni ngira urubanza ntibazarwakirecyangwa ngo urucirwe rwanjye ntirukarangizwe Urugero: Nareze uwitwa: MUNYAGARA ambereyemo umwenda banga kutuburanya kandi barakiliye urubanza. Natsinze uwitwa: RUKERATABARO ntibamunyisnyuliza. Umugabo BAFITUMUJINYA, taliye amafranga yali yatangiye kumdiha. Uwitwa FARANGA bonze no kutwinjiliza urubanza kandi abo bose nibo baboshya ngo nkunde banteshe agaciro!!!, kuko ibyo byose bibaye ubu bitaligeze bimbaho, ngo baragira ngo nanjye ngire immanza.

Ibyerekeye ibihimbano byo kundega ngo hali listes z'abakozi ntahembeye amafranga, ngo akaba ali jye uyatwara kandi ngo batakoze:

Dore aho babishandikira: muli 1969 Comptable wa Commune MUNYANGABE J. de

Dieu yagiye kwiga iby'akazi kabo i Murambi, Préfet yemeza ko hagomba gusigara hakora uwali Secrétaire communal (MUSUHUKE Papias), hali le 8/3/1969, muli icyo gihe uwo mukozi atangira gusahura imali ya Commune kuko yali abifatanyije n'undi witwa RUFALI Alphonse wali Greffier ngo umwe asahure urukiko undi asahure Commune maze hanyuma bacikire i Bugande nk'uko yabigize nuko mpita mbimenya hasigaye iminsi mike bakagenda, nibwo mbimenyesheje Préfet aherako yohereza CONTROLEUR le 23/4/69 asanga amafranga ahambiliye aliko atarayakura muli COFRE-FORT, aliko abaha amaze kurya mb amafranga 8.000. Amutegeka kuyaliha amukura muli Comptabilité, aaigo avuze ko ngomba kuba mbirebe kugeza ubwo Comptable azagarukira le 20/11/69 ayu asanga byose mbifashe neza, ndabimumulikira akomeza akazi ke.

Urumva ko MUSUHUKE P. yabuze amafranga yo gucikana bigatuma aguma aho, maze RUFALI agenda wenyine, aliko urumva ko yasigaye andakaliye arakaliye na Comptable ashaka kumukoresha, nibwo amutwaye igitabo cya comptabilité cya Commune, akakimufatana, akongera gukora "BON DE DEPENSE yongeraho imibyizi itakozwe, nabyo arabimufatana twandikira Préfet. Controleur muli iyo minsi nibwo aje gukora CONTROLE ali kumwe na Préfet le 25/3/70 yemera ko ibyo byose yabikoze kuko yali amaze guhabwa ibimenyetso bimuhamya nk'uko bigaragara muli RAPPORT de CONTROLE. Nyuma bamubaza liste d'appel asubiza ko ngo izo listes yazitanyeye tudateze no kuzamenya aho zarengeye. Hemezwa ko ngo bagiye kubikulikirana bakazishaka izo listes akazizana yanga agahanwa. Nibwo inama ya Commune yo irangije umulimo wayo ihamya icyemezo le 11/5/70, yereka Préfet ibyaha by'uwo MUSUHUKE P. amukura ku kazi hasigara kuzakulikiranwa kuli izo DOCUMENTS za Commune yatanyuye. Kugeza ubwo ndangije mandat bitarebe aliko tukumva bivugwa ngo yabonye ababivilinga. Mu kuli kandi muli Commune yacu za listes de paies zikorwa na Secrétaire arebeye kuli listes d'appel, nyuma listes de paie Bourgmestre akazisinya yarangiza Comptable agahemba abakozi naho Secrétaire akabika za listes d'appel. Izo zero zose MUSUHUKE yarazizimije.

Dore rero amayeli yabo bamaze gukora iryo shyano bandika urwandiko rutagira nyirarwo biyita ngo ni "A. D. N.". Uyo gipapuro Préfet antegeka kugisubiza (reba ibize byacyo) nongeraho na tableau yerekana amazi abanyamuhanda bakore n'iyo bahagaze, ubwo mbona ko byumvikanye. Nyuma aliko naje kumenya ko abo bakora ibyo ali abashyigikiwe n'abashaka kumparabika ngo ntazatanga "CANDIDATURE" ngo hali ibyo bashatse kunkoresha nosbinanirwa, nka biliya nabahereye ingero hirya. Candidature y'ubuiyanama bayinkuyemo ku rwango, banyangira kwamamazwa mu barwanashyaka, aliko ibyo byose similiwe ntera amahane kuko nzi ko Imana aliyo igena igikwiye umuntu.

Igitangaza rero bamaze kubona ko itora ubu ryegereje, bati litamasanga NTAHOMBASIZE ataziyamamaza (kandi muby'ukuli ubu simbiharanira kuko nzi ko aho ndi hose ndi umurwanashyaka. aliko ibye byose ntitumye badanimba:

Nuko bakora "PROGRAMME" y'uko le 27/1/73 nzabazwa na O.P.J. nako le 27/12/
" le 08/1/73 " na SUBSTITUT
" le 12/1/73 " muli 1er Instance Ruh.
" le 15/1/73 gusomerwa... ngafungwa!!!.-

Bandega ngo mu myaka nali Bourgmestre ngo nakaze listes z'amafuti ngo ngatwara amafranga, naho ali ugufatira kuli cya gikorwa cyabo cyo kuligisa amalistes d'appel bateguye, bamaze no guhimba abo kuzavuga ibinyoma. Nicyo gituma Nyakubahwa Bwana Président nifuje kubanana namwe ngo mbasobanulire iby'akarengane kanjye kandi ibye mvuga byose mbifitiye ibimenyetso byanditse ndiiza kuzabibereka. Mubyeyi Nyakubahwa mbasezeyeho nizeye igisubizo cyanyu kindema agatima mbere y'iliya ya taliki yo kunjyana.

NTAHOMBASIZE- Nicolas.